

Youth voices

Issue 003 Volume III
Jun - Aug 2019

A Never Again Rwanda
Publication

CAMPUS Experiences

Menya byinshi biri inyuma y'izina

Knowless

Ubuzima nyuma y'ishuri:
“Uko nabitekerezaga
si ko nabisanze”

Ese kuki abageni barira?
Ikiganiro na
Maliya Yohana

Entertainment
Movie Review
Fun Fact: Sophia

FREE
COPY

Disclaimer: The views expressed here are of the authors and do not necessarily reflect those of Never Again Rwanda or their partner organizations

About Youth Voices

A platform 'by' and 'for' youth, aimed at championing for their voices. We invite youth to send poems, articles, and opinions on any topic of interest in our community.

Publisher Never Again Rwanda

Director of Publication Dr. Joseph Nkurunziza Ryarasa

Managing Editor Immy Mulekatete

Editor Mary Umutoni

Creative Team Latim Wathum, Cyusa Benjamin

Youth Coordinator Omar Ndizeye

Photographers Munezero Emma, Birori Eric, Sanny Ntaganira Aline

Contributors Assumpta Mugiraneza, Maliya Yohana, Emma Claudine, Aline Cyuzuzo, Butera Knowless, Gisa Innocent, Odile Uwera, Samie Asimwe, Honore Busoro, Edouard Tuyishime, Florence Uwigeneye, Uwera Sheila Ndahiro, James Rutaburingoga, Mbabazi Sharon, Jerry Minega, Glenn Rugwiro, Cyomugisha Scovia, Manzi Richard, Jean de Dieu Murwanashyaka.

Appreciation Never Again Rwanda would like to appreciate all our partners and the youth in all corners of the country working hard and relentlessly towards conflict prevention and building to lasting peace.

Copyright: Never Again Rwanda 2019 [+250] 0788 38 66 88, info@neveragainrwanda.org, www.neveragainrwanda.org

By
Mary Umutoni

Editor-Youth Voices



Send us your story at
info@youthvoices.rw



MUBYEYI MFASHA NSOBANUKIRWE

Mbabazi, E:

Uburyo nakuze nganirizwa amateka mu rugo bwatumye numva ubwoko bwacu bwarahohotewe ndetse bintera kumva nanze abo tudahuje ubwoko. Ese hari dhantu twakwigira amateka nyayo y'igihugu cyacu ategamiye ku ruhandi rumwe cyangwa urundi?

Umubyeyi:

Nakubwira ngo ufite amahirwe kuko byibuze ufite ukuganiriza. Yego harimo ibikomere, ariko ntiharimo ubuhemu. Kurakara byo ni ngombwa, utarakarira ibyakozwe muri iki gihugu yaba ashaka kubihishira cyangwa yananiwe kubishyikira. Amateka agoranye nk'ayacu, kubasha kuyatondaka ngo uyabwire umwana, n'ikintu kigoranye cyane ariko kuyaceceka nanone ntibishoboka. Niyo mpamvu dukeneye kugira imfashanyigisho ku mateka nyayo y'igihugu mu mbuga zose z'uburezi. Hari izindi mbuga nk'itorero, ndetse n'ibigo byinshi by'ubushakashatsi nka; Never Again Rwanda, IRDP, IRIBA haba amateka y'Urwanda magari atandukanye atari aya Jenoside gusa, kandi atangirwa ubuntu.

Bosco, N:

Kuba nkomoka mu muryango wagize uruhare muri jenoside yakorewe abatutsi byanteye gukurana ipfunwe ariko bikaba akarusho cyane mu gihe cyo kwibuka. Nabigenza gute ko nananije kwiyakira no kwibona mu bandi tudahuje ubwoko?

Umubyeyi:

Nakubwira ngo humura kuko nta cyaha ufite. Kugirango Jenoside ibeho, byabaye ngombwa ko ikigize umuntu kigenda cyangizwa. Kandi uwicwiwe siwe wenyine wangiritse ahubwo uwo wishe, yagombye kubyihingamo, yiyambura uwo yari ari we, ntiyatinya Imana, ntiyatinya amaraso, uwo ni we wakoze ishyano kandi sinifuza ko wamwiyitirira. Simvuze ko ukwiye kwirengagiza aho ukomoka kuko niho hakuranga, ariko dufite amahirwe ko leta y'uuyi muni yadukuyeho irangamuntu y'Umuhutu, Umutwa, Umututsi. Kuvuka mu muryango ugasanga iwanyu hari handitseho ko ari abahutu numva ukeneye gusobanukirwa n'ubwo buhutu. Nubuhitamo uzakomeza uremererwe. Ariko ntagira ipfunwe uzagira inshingano wubakiraho. Uzarahira indahiro ivuga iti: "Ibyabaye ntibizasubira. Ntabwo nzakora ikosa iwacu bakoze". Igihe cyo kwibuka rero, ntabwo hibuka abatutsi gusa, ahubwo ni u Rwanda rwunamira abana barwo. Inama y'indi naguha ni ugushakisha ibyiza umuryango wawe waba warakoze mbere y'uko uba ba 'bahutu'. Kuko ntibabaye abanyabyaha ubuzima bwabo bwose. Menya icyiza bagize kugirango ushobore kuba uwabo ariko utari uwa icyaha.

Jacky, N:

Nakuze ababyeyi banjye bambwira ko naba inshuti n'abantu bose ariko ko ntashakana n'uwo tudahuje ubwoko. Ubuse ko nabonye umusore ufite imico myiza kandi unkunda nzamwangira uko yaremwe? Ese wangira iyihe nama?

Umubyeyi:

Ubundi urukundo ntirugira ubwoko kandi urukundo rusumba byose. Gusa iyo ugeze mu rukundo rushakana, habamo gutumira umuryango wawe n'inshuti na we gutumira ab'iwabo, maze ibyari bibagize byose mukavuga ngo mugiyeye kubishyira hamwe, mugiyeye guhuza. Burya abantu barakundana ariko iyo bigeze aho urukundo rusagamba, bikenera imizi ari yo ya miryango. Ikibazo rero ntabwo navuga ko kiri ku mwana cyangwa ku mubyeyi ahubwo twibaze ngo turera duta ngo urubwirako rw'uuyi muni ruzabashe kubaho rutari mu kinyoma, rutari mu guhumiriza, ariko nanone rudakomeje kuba imbata y'ibyantwagije n'ubwo biremereye. N'iyi mpamvu ukwiye kugira umwanya ukaganira n'umubyeyi wawe ukamubwiza ukuri nawe akakubwira aho ukuri kwe gushingiye. Nimujya gushakana mwaganiriyeye mukabwizanya ukuri, imbogamizi zose muzahura nazo ntizabazengereza cyane kuko muzaba mwaraziteguye ndetse munavuge muti ibi ni byo ababyeyi bacu batubwiraga, wenda binabahe impamvu yo kubaka indi myumvire.

Ibi bibazo byasubijwe n'umubyeyi Assumpta Mugiraneza, umuyobozi w'ikigo IRIBA center.

Ese urubwiruko rukwiriye kuboneza urubyaro?

Biragoye gusubiza iki kibazo utazi icyo kuboneza urubyaro bisobanura. Iyo usesenguye usanga igisobanuro cyo kuboneza urubyaro gikubiyemo ibintu bitandatu:

Gutangira kugerageza gusama cyangwa gutera inda ya mbere ari uko wabitekerejeho kandi wabyiteguye.

Kwirinda gusama cyangwa gutera inda iyo ari yo yose, harimo n'ya mbere, utabiteganyije.

Kubyara umubare w'abana watekerejeho.

Guhitamo kutazabyara umwana n'umwe.

Gukurikiza buri mwana nyuma y'igihe watekerejeho.

Kurekera aho kubyara igihe ubishakiye.

Ibi bisobanuro bigaragaza ko abakiri bato batangiye kugira ubushobozi bwo kubyara (ingimbi n'abangavu) barebwa bikomeye n'igisobanuro cya mbere n'icya kabiri.

Zirikana ko mu gihe cyose uzaba utekereza ku cyo wakora ngo udasama cyangwa udatere inda utabiteganyije, uzaba urimo kwibaza ku buryo bwo kuboneza urubyaro wakoresha bukunogeye.

Abahanga mu buzima bw'imyororokere, berekana ko ingimbi n'abangavu bashobora gukoresha uburyo butandukanye bwo kuboneza urubyaro, bumwe babwibwirije, ubundi babuherewe ku kigonderabuzima. Harimo:

Kwifata

Gukoresha agakingirizo

Gukoresha ibinini bya bukeye bwaho (Emergency Pills)

Gufata ibinini byo kuboneza urubyaro

Gukoresha uburyo bw'igihe kirekire


Wowe ukoresha ubuhe buryo ngo udasama cyangwa udatere inda utabiteganyije? Menya ko uburyo wakwifuzaga gukoresha utabusobanukiye, wabusobanurirwa ku kigonderabuzima kikwegereye. Ni uburenganzira bwawe. icy'ingenzi, irinde kuba mama cyangwa papa w'umwana utabiteganyije, bitakwicira ejo hazaza.

Byanditswe na Shingizi Emma-Claudine, umunyamakuru w'inzobere mu gukora ibiganiro ku buzima bw'imyororokere n'ibibazo by'abaturage.

“Twishyize hamwe twagera kure”

Mwari mwiza! Nyampinga ubereye u Rwanda! Urashoboye kandi uri uwa agaciro. Nyabusa ukikijwe n'amahirwe menshi yatuma witeza imbere ndetse ukanateza bagenzi bawe imbere. Reka nkwiutse ko ufite impano nyinshi kandi rwose zakubera intangiriro y'akazi wakora. Erega nitwe tuzaba ababyeyi b'ejo hazaza kandi babereye u Rwanda! Izo mpano za hatu na hatu baguha, ziguhama amaso zigatuma utanga ubukobwa bwawe ukirengagiza indangagaciro zikwirirye umunyarwandakazi. Koresha aya mahirwe ureke kwigwira cyangwa ngo wiheze, ahubwo uze twishyire hamwe, twungurane ibitekerezo ndetse duhuze imbaraga. Twakora byinshi kandi twagera kuri byinshi dufatanije. Burya abishyize hamwe, Imana irabasanga kandi wibuke ko umutwe umwe wigira inama yo gusara.

Aline Cyuzuzo, Nyampinga mu gikari.



Ese inkwano ni itegeko?

Hariho abatazitunga. Atazifite se? Ibyo n'ibiganiro imiryango igirana. Kuva na kera, Inkwano si ikiguzi ahubwo ni ishimwe ry'ababyeyi. Ubundi kera, banacaga hirya bagaha umubyeyi impano. Ndetse kugirango umukobwa ahaguruke, bazanaga inzoga bakayishyira nyina w'umwana bakayita ikizenerwa ejo yagira abashyitsi, akayizimana. Inkwano rero ni ishimwe, ni icyubahiro umuryango w'umukobwa uhabwa ushimirwa kurera neza.

Kuki abageni barira?

Si ngombwa ko abageni barira. Uretse n'abato, natwe abakuze ntitugaragaza amarangamutima kimwe, iyo tugize ibyago cyangwa ibyishimo. Ni yo mpamvu hari abageni barira abandi ntibarire. Hari igihe umukobwa arira bitewe n'icyo aba yaraganiriye n'iwabo kikumutera ibyishimo cyangwa umubabaro. Iyo duhereze umukobwa rero, tuba tumusezera, tumubwira ko aduteye irungu kuko aba avuye mu rugo iwabo agiye mu rundi rugo, ibyo bikaba byamuriza. Gusa ntitumubwira ngo agiye gupfa, ahubwo turamutegura, tukamuganiriza, kugirango ibyo azahura nabyo mu rugo agiye kubaka, azabyitwaremo neza mu rukundo, mu kwihangana, no mu bwenge.

Ibi bibazo byasubijwe n'umubyeyi Maliya Yohana.



Menya byinshi biri

inyuma y'izina

Knowless

🔴 Knowless ni muntu ki hanze ya muzika?

Ndi umuntu usanzwe; ndi umunyarwandakazi ufite imyaka 28, wubatse, ufite umwana umwe, ndi umukristo. Narangije amashuri yisumbuye ndetse na kaminuza, ubu ndi mu cyiciro cya kabiri cya kaminuza (masters) mu bijyanye n'icungamari.

🔴 Iyo utaza kuba umuhanzi wari gukora iki?

Numvaga nzaba umuganga cyangwa umusirikare.

🔴 Ese n'iyihe mpamvu yatumye ujya mu buhanzi?

Nakundaga kuririmba kuva kera kuko nakuriye mu muryango wa gikirisitu twese turirimba muri korali. Iyo twajyaga muri studio nka korali, rimwe na rimwe wasangaga birangiye ijwi ryanjye ritumvikanye. Mu 2010 nibwo nagiyeye muri studio jyeneyine ngirango numve uko byababimeze ndirimbye jyeneyine. Uburyo indirimbo yanjye ya mbere yakiriwe neza cyane byatumye menya ko aho ndi ari ho nagombaga kuba ndi. Byatangiyeye ari urukundo rw'umuziki birangira n'ubundi ari ho nakabaye ndi.

🔴 Izina "Knowles" risobanuye iki? Kuki ari ryo wahisemo gukoresha mu buhanzi?

Hari byinshi biri inyuma y'izina 'Knowless'. Nkitangira kuririmba, umuziki wari ufite izina ritari riza, cyane ku bakobwa kuko icyo gihe abawukoraga bafatwaga nk'abatakaje uburere. Maze kwinjira mu muziki, umwe mu bo mu muryango wanjye yaranyicajye aranyaha kuko yumvaga nsa nk'utushimiye ubuzima mbayemo. Nuko ambwirako umuziki uzatuma nta agaciro nk'abakobwa beza biganaga bitaga ba "Knowless", bashakaga kwishyira hejuru, bashakaga kumenyekana no kwigira abo batari bo. Aya magambo yarambabaje cyane ariko izina "Knowless" ryo riranshorogotora. Maze gukora indirimbo yanjye ya mbere, nshakisha izina bandikaho ndaribura, ngeze aho ndababwirako ngo bandikeho "Butera Knowless." Butera ryo ryari risanzwe ari izina ryanjye ariko "Knowless" ryo narishyizeho kubera ya magambo ariko nyuma mbitekerejeho nsanga rizambara urwibutso rwiza kuko nari mfite icyizere ko nzatara imbere wa muntu akazabona ko ntawe uvuma iritaranga.

🔴 Watubwirako ku rugendo rwawe rw'ubuhanzi; imbogamizi wahuye nazo nk'umukobwa, amasomo akomeye yagufashije ndetse n'ikigutera imbaraga zo gukomeza.

Urugendo rwanjye rwaranzwe n'umutima ushaka no kutarekura ku cyo nshaka. Imbogamizi ya mbere nahuye nayo yari ubushobozi buke kuko natangiye ndi umunyeshuri. Gusa nagiyeye mbona Imana incira inzira, abantu bumva indirimbo yanjye baranshyigikira. Nubwo nahuye n'abacantege benshi bakandwanya, mu mutima wanjye nari mfite inzizi nagombaga gukabya ndetse numva ko ngomba gukora icyo nsabwa cyose ngo ngere aho nshaka.



🔴 NK'umuhanzi ugira abagukunda bakagushyigikira ariko ugira n'abacantege bavugaga amagambo asesereza. Ese abo ubafata ute?

Ugize abagukunda gusa wahora mu munyenga w'ibyiza ariko ntiwafata imbere. Abantu b'abacantege rero bampa imbaraga zo gukora cyane ngo mbereke ko bari bibeshye. Iyo ibyo bamvugaho bihabanye n'ukuri ntacyo bintwara rwose ahubwo mbirenza amaso, nkakora neza birushijeho.

🔴 Wagira abana b'abakobwa bashakira kwinjira mu muziki nyarwanda iyihe nama? Bakwitondera iki, bakwitegurako gute, bahera he?

Ikindi cya mbere bagomba kwitegura n'ukubona ibyiza n'ibibi kuko umwuga w'ubuhanzi udasaba kugira ijwi riza gusa; usaba guhangana, kugira ubwenge n'amayeri atandukanye ukoresha ngo ugere ku nzizi zawe mu buryo bwiza. Ikindi n'uko umuntu adatera imbere mu muni umwe; bitwara igihe kandi bisaba kwihangana cyane no kutarekura ahubwo icyo yiyemeje akakijyamo n'umutima wose, n'imbaraga zose kugeza akabije inzizi ze. Uyu mwuga kandi utuma benshi bakumenya. icyo kwitondera n'uko harimo ibishuko byinshi birimo abasaba ruswa y'igitsina. Nigombwa rero ko biga kuvuga "Oya" kuko icyo uhakaniye umuntu, ntacyo yagutwara kandi serivisi siwe wenyine uyitanga ndetse serivisi zose ntizitangwa n'abagabo gusa. Bagomba kumenya ko hari ubundi buryo buri mu nzira nziza bakoresha muri uyu mwuga.

Ubuzima nyuma y'ishuri

“Ndimo kwiga kwigira”

Nkirangiza kwiga nibwo namenye ubuzima koko! Nibwo namenye ko umuntu ashobora kwitunga ntawumufashije. Navuye mu miryango nabagamo ntangira kwibana (muri ghetto) biba ngombwa ko nshaka akazi ngo nshobore kwitunga. Maze kubona akazi mu kabari, benshi batangiye kumfata ukundi mbese nk'uwabaye ikirara, n'inshuti zimvaho, birambabaza cyane ariko nyuma ndiyakira ndakomerera. Nubwo mpura n'ibishuko byinshi n'ubuzima ndimo butanyoroheye, ndagenda niga kwiyakira, kwihangana, gushishoza, no kwigira. **Uwingenye Florence**

“Ubumenyi n'imbuto itarumba”

Nk'umunyeshuli urangije wese, uko numvaga hanze hameze ntarahagera nasanze bitandukanye. Iyo udahise ubona amahirwe yo kubona ibyo ukora, imibereho ntiyoroheya ushobora no kugera ahantu ukumva utaye icyizere. Kuri nyije ariko, kwiga n'imbuto itarumba, vuba cyangwa bitinze ubona umusaruro. Impamvu mbivuna n'uko umuntu n'iyi yantwara byose ariko atanyiba ubumenyi nakuye mu ishuli.

Tuyishime Edouard

“Uko nabitekerezaga si ko nabisanze”

Imyaka ibaye ibiri nsoje kaminuza gusa ubuzima nyuma y'ishuri ntabwo wanyoroheye. Nkiri ku ntebe y'ishuri numvaga ntinze kurangiza kwiga ngo mpite nkabya inzozo zanjye; mbone akazi keza, ngure imodoka nziza, nubake inzu nziza, mbega nkore ibitangaza! Ariko nyuma yo gusozza kaminuza ibyo nibwiraga ndi mu ishuri sibyo nabonye. Ndacyakomeza gushakisha no kwihangana kugeza nkabije inzozo zanjye. Hari umugani ugira uti “Iyimirijwe n'ikaramu ntiramburura.” Kuba mfite amashuri hamwe n'Imana mfite ibyiringiro ko nzagera kuri byinshi.

James Rutaburingoga

“Kwiga ntibihagarara”


Nkiri mu ishuri, nta kindi natekerezaga atari amasomo. Ariko maze gusozza kaminuza, ibitekerezo byarahindutse. Ntangira kwitekerezaho, ntekereza ku buzima bw'ejo hanje hazaza, menya ko gahunda zahindutse, ngomba kubaho nk'umuntu mukuru. Nashatse akazi ngira amahirwe ndakabona gusa nasanze kwiga bidahagarara. Namenye ko ubuzima aho buva bukagera ari ishuri kuko umuntu agomba guhora yiyungura ubumenyi kugirango afate ibyemezo bizima. **Uwera Ndahiro Sheila**

“Ndi mu nzira nziza y'iterambere”

Nkisoza kwiga, nabaye umushomeri mu gihe niyumvishaga ko nzahita mbona akazi. Nibwo natangiye kwitabira amahugurwa atandukanye, arimo ajanyane no kubaka amahoro ndetse nitabira n'ibiganiro mu murenge no mu kagari. Ibyo byose byamfashije kuzamura imyumvire myiza binanyongerera ubumenyi mu mibereho myiza, ubu nanjye nkoresha ngira inama urubiruko rugenzi rwanjye binyuze mu kagali no mu murenge. Ubu rwose navuga ko ndi mu nzira nziza yo kuzagera ku iterambere ryanjye ry'ejo hazaza. **Cyomugisha Scovia**

“Inshuti nziza n'ingenzi”

Kubona akazi ugisozza kaminuza ntabwo byoroshye. Kandi birushaho gukomeza ubuzima kuko kwa gufashwa kinyeshuli biba birangiye. Gusa ibi byampaye imbaraga zo guhozaho, nshakisha aho nakwimenyereza ibyo nize ku buryo byamfasha kwiyungura ubundi bumenyi ndetse bikanambere inzira yo kubona akazi. Ubuzima nyuma y'ishuri rero busaba kudacika intege, kutagira ubwoba, kwigirira icyizere no guhora wihugura mu buryo bitandukanye. icyo nakongeraho cy'ingenzi, n'uko ari byiza kugira inshuti nziza zifite icyerekezo, mujya inama yo kubaka ubuzima bwiza. **Richard Manzi**



In some ways, the 1994 genocide Against the Tutsi might be ranked at or near the top of the charts with regard to evil -- perhaps higher than the Nazi Holocaust, the purges of Stalin, and the massacres of Pol Pot. Why? Not because of the numbers killed but because of the complicity of such a huge percentage of the population, often to ruthlessly murder a longtime friend, a sister, a son or daughter or even a parent. The genocide was a monstrous complicity of evil -- poisoning of minds on an enormous scale.

The people of Rwanda lost trust in authority of any kind, including religion. Christian leaders were particularly heavily involved in the lead-up to the genocide when it took advantage of its influence to affirm some theories of ethnicity and even in carrying it out as it twisted the Gospel to deceive the humbled hearts with hate messages.

When things beyond what our mind can comprehend and what our hearts can stand happen. There has to be something our mind cannot comprehend but our heart can connect with in a deeper way for someone to survive and that's God. Where our sight has seen things bad enough to make us wish not to live anymore, only the unseen catalysts can make us want to live some more, and that is Faith, Hope, Love and Forgiveness. And when people can forgive after such undeserving suffering, you know the unseen is real. Many accounts and testimonies say that: "For people to forgive after such unfair misery, it took a heart changing surgery that only God could perform." All religion ought to do is to help us make these unseen catalysts a priority and provide us a space to practice them. With that done, we can expect one end result, Peace. The same Bible that was used as a reference by many different hate speeches back then, also says: "If it is possible, as much as it depends on you, live peacefully with all men."

CAMPUS

Experiences



Honore Busoro, Mount Kenya University 1

As a student in mass media and communication, I intend to pursue a career in everything that involves communication such as campaign planning, advertising and public relations. So, in preparation for that, I am developing communication skills through writing articles for different websites and also writing books. I have recently completed and released my first book called "Ikosa Ryemejwe" aimed at enlightening youth about their history.

Umukunzi Liliane, Nanjing University 2

I know finding a job right after completing school is not a guarantee. So, my plan is to find a good and suitable internship to develop my professional skills as I begin to build my career and ultimately an impressive LinkedIn profile.



Odile Uwera, University of Rwanda 3

Being a creative design student, I decided to take a break from school to concentrate on developing my professional skills especially in visual arts, and hence put my life in order. Now that I am about to resume my classes, I don't see myself studying without working as I have a career to pursue that requires training. Even though it's good to focus on school alone, I think working prepares one to adapt easily to the professional world once they finish school.

Samie Asimwe Ruhindi, UTB 4

There are so many high expectations of life after school that include; getting a well-paying job, getting married or being in a serious relationship, buying cars, just to mention a few. To me however, I don't think one can achieve that instantly as education serves as just an eye opener. Personally, I am taking time to develop other skills besides IT (that I am currently studying at university) such as, photography, poetry and performing theater in order to equip myself for the competitive life out there. In today's world, relying solely on what we do in school is very limiting in terms of opportunities and hence the importance of being multiskilled.

Gisa Innocent, UTB 5

I struggled to get a job after high school. After applying to so many different organizations in vain, I decided to join 'Isoko performing arts' to use and develop my creative skills and talents. Through that, I also begun to earn an income that helps me take care of personal needs at school such as photocopying notes, transport and so on. This experience taught me to think positively, appreciate and use what I have and also work hard towards what I want.



Emelyne Mugwaneza, University of Kigali

I want to be an entrepreneur after I graduate from school. However, I know it's not an easy journey and it requires patience, hard work, resilience and networks. This is why I am currently working for others, not only to get school fees and help my family for some daily needs, but to also acquire experience and connections that will be a foundation for my dream.

FAST & FURIOUS PRESENTS
HOBBS & SHAW
 OFFICIAL TRAILER



Movie
 review:

Ever since hulking lawman Hobbs (Dwayne Johnson), a loyal agent of America's Diplomatic Security Service, and lawless outcast Shaw (Jason Statham), a former British military elite operative, first faced off in 2015's Furious 7, the duo have swapped smack talk and body blows as they've tried to take each other down. But when cyber-genetically enhanced anarchist Brixton (Idris Elba) gains control of an insidious bio-threat that could alter humanity forever—and bests a brilliant and fearless rogue MI6 agent (The Crown's Vanessa Kirby), who just happens to be Shaw's sister—these two sworn enemies will have to partner up to bring down the only guy who might be better than them.

FUN FACT: SOPHIA

Sophia has become a cultural icon. The animatronic robot has made its way across late night stages, graced the cover of magazines, headlined major tech conferences and even delivered a speech to the United Nations.

Sophia been touted as the future of AI, but it may be more of a social experiment masquerading as a PR stunt. Here are some facts about Sophia:

She is a media favorite for having given several interviews. She has sung in a concert and even appeared on the cover of Elle magazine.

She has interests in business and has met face-to-face with industry leaders from banking, insurance, auto manufacturing, property development, media, and entertainment industries.

Sophia has seven robot siblings who were also created by Hanson Robotics some are Albert Einstein Hubo, and Jules. In other words she has a family.



How many bricks does it take to complete a building made of bricks?

The last brick!

I went to town on a horse on Friday and I spent 3 nights and came back on Friday. How is this possible?

The horse was called Friday.

Take 1000, add 40, add 1000, add 30 now add 1000 and add 20 then add 10.

0014



JOKES

One bright morning, Suzie woke up puzzled and on looking into the mirror as she was dressing up, she became more upset about her looks. She quickly rushed out to her mother's room and said:

Suzie: Morning mum, Mummy why am so ugly and yet you are pretty and cute?

Mum: Oh! My lovely little daughter, never mind about that, at least you are not as ugly as the person reading this article (message)

WORD SEARCH PUZZLE

- WEEK
- FIND
- RANDOM
- SLEUTH
- BACKWARD
- VERTICAL
- DIAGONAL
- WIKIPEDIA
- HORIZONTAL
- WORD SEARCH

W	V	E	R	T	I	C	A	L	L	
R	O	O	A	F	F	L	S	A	B	
A	C	R	I	L	I	A	T	O	A	
N	D	O	D	K	O	N	W	D	C	
D	R	K	E	S	O	O	D	D	K	
O	E	E	P	Z	E	G	L	I	W	
M	S	I	I	H	O	A	E	R	A	
A	L	R	K	R	R	I	R	E	R	
K	O	D	I	D	E	D	R	C	D	
H	E	L	W	S	L	E	U	T	H	